Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

"ABESAMIHIGO NEWSLETTER"

# AMAKURU Y'INGENZI YARANZE AKARERE MURI NZERI 2025




## IBIRIMO


- ABATURAGE N'ABAYOBOZI BABO BITABIRIYE UMUGANDA RUSANGE (Page: 2 )
- ABOROZI BARASABWA KUGIRA UBWISHINGIZI BW'AMATUNGO KUKO ARI INGENZI (Page: 4)
- ABAGIZE URWEGO DASSO BIBUKIJWE KO "DISCIPLINE" ARIYO IGENGA BYOSE MU KAZI KABO (Page: 5)
- HAKOMEJE UBUGENZUZI MU MASHURI HAGAMIJWE GUKURIKIRANA IMICUNGIRE Y'IBIGO (Page 8)
- UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAKURIKIRANYE UBWITABIRE BW'IGIHEMBWE CY'IHINGA (Page: 10)
- RUBOROGA: HATANGIRIJWE IGIHEMBWE CY'IHINGA KU RWEGO RW'AKARERE (Page: 6)
- MUFTI W'U RWANDA YASUYE ABAYISIRAMU BO KARERE KA KAMONYI ( Page: 12)
- ABATURAGE BASABWE GUKUNDA SIPORO KUKO ARI UMUYOBORO W'UBUSABANE (Page: 13)



Umuyobozi wa Islam mu Rwanda yasuye Akarere


Gutangiza ihinga: Ruboroga-Rugalika


Siporo Rusange-Gacurabwenge

# ABATURAGE BITABIRIYE UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NZERI










Hirya no hino mu Karere tariki 27 Nzeri hakozwe umuganda rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2025. Umuganda muri rusange wibanze kuri bikorwa bikurikira: gutunganya imihanda ku kurwanya isuri, gukora no gusana amateme, kubumba amatafari yo kubakira abatishoboye, kubaka inzu y'utishoboye. Mu Murenge wa Karama bo banakoze umuganda wo gusubiranya imirima y'abaturage yangijwe n'abahebyi.

I Musambira Mu Mudugudu wa Mbari Akagari ka Karengera niho habereye ku rwego rw'Akarere umuganda rusange usoza ukwezi. Abaturage bafatanyije n'ubuyobozi gucukura imirwanyasuri mu rwego rwo kwirinda isuri.

Umuganda witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, Umuyobozi wa Polisi Ushinzwe guhuza Polisi n'Abaturage Supt. UWANYIRIGIRA Marie Goretti, umuhuzabikorwa w'urwego rwa DASSO ku Karere CIP (Rtd) YANDAGIYE Jean Baptiste.

Nyuma y'umuganda abaturage bagejejweho ubutumwa bw'umuganda bwatanzwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, habayeho kandi gupima indwara zitandura (NCDs) ku babyifuza. Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere mu butumwa bwe yasabye abatuye Umudugudu wa Mbari i mu Murenge wa Musambira guhinga ubutaka budahinze (i musozi, mu bishanga no mu duhaga) mu rwego rwo kongera umusaruro w'ibidutunga.

Bibukijwe kandi gukomeza gahunda yo kurwanya isuri no kwitegura gutera ibiti by'imbuto n'amashyamba

# INAMA Y'UMUTEKANO YIZE KU NGAMBA ZO KURENGERA IBIDUKIKIJE

Iyi nama y'umutekano yaguye yateraniye ku biro by'Akarere iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere. Abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo ku ishusho y'umutekano mu mezi abiri ashize Kanama-Nzeri 2025 n'ingamba zo gukomeza kuwusigasira, haganiriwe kandi ku ngamba zo kurengera ibidukikije.



Inama yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere SSP Fulgence Furaha, Umuyobozi w'Urwego rw'Inkeragutabara Lieutenant Colonel Mugisha Elphaz n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakuriye inzego za Police, RIB, DASSO n'Inkeragutabara mu Mirenge.





Mu rwego rwo kurengera ibidukikije birimo amashyamba, ubutaka, inzuzi n'ibishanga, ni ngombwa ko inzego zose zibigiramo uruhare. Ubuyobozi bw'Akarere ka Kamonyi bwiyemeje ubufatanye n'abaturage kugira ngo habeho kurinda ibidukikije.



Muri izo ngamba harimo gukumira ubucukuzi bw'amabuye bukozwe mu kajagari kuko bugira uruhare mu kwangiza ibidukikije. Mu nama hasabwe kandi ko abanyamuryango ba koperative bagira uruhare mu kurinda biishanga bahingamo hakabaho gusibura inzira z'amazi ndetse aho bishoboka zikubakirwa kugira ngi ibishanga bibungabungwe. Abitabiriye inama biyeme gukomeza kwirinda ubucukuzi bwo mu buso bw'ibishanga kuko bituma umusaruro ugabanuka bikangiza n'ibidukikije.

## ABOROZI BARASABWA KUGIRA UBWISHINGIZI BW'AMATUNGO KUKO ARI INGEZI

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu, bwana Niyongira Uzziel arasaba buri muturage wa Kamonyi ufite itungo kurishyira mu bwishingizi. Avuga ko intego Akarere gafite ndetse n'abafatanyabikorwa ari uko buri tungo ryose ryemerewe ubwishingizi rigomba kububonekamo. Ahamya kandi ko Nta kigoye umuturage kuko na Leta yemeye gushyiramo 40% nka Nkunganire.

Uyu Muyobozi, ahamya ko nta mpungenge umuturage akwiye kugira kuri ubu bwishingizi kuko na Leta imubereye ijisho kandi ko yanamushyiriyemo 40% ya Nkunganire. Yizeza ko Akarere n'Abafatanyabikorwa bari mu bukangurambaga bwo gusobanurira no kwereka abaturage inyungu bafite mu kugira ubu bwishingizi bw'Amatungo n'Imyaka. Yagize ati" Leta yemeye gushyiramo 40% y'agaciro kose k'ibikenewe. Niba rero na Leta ishyiramo 40%, n'umuturage yarareberewe!, akwiye kumva inshingano ze ko iryo tungo rye akwiye kurishyira mu bwishingizi ryagira ikibazo ntarihombe ahubwo akaryishyurwa".

Agira kandi ati" Mu by'ukuri ubwishingizi iyo uburebye Leta yashyizemo amafaranga menshi, buri muturage akwiye kubyumva bityo ugize ibyago ntazimye igicaniro niba atunze Inka imwe ntahombe. Ntahombe Inguribe ye, Ntahombe Inkoko ze...., ahubwo ubwishingizi bukagaruka bukamusubiza iryo tungo bityo ubuzima bwe nti buhungabane".Uzziel, asaba ko muri ubu bworozi bw'Amatungo nta kajagari ndetse na ba Rumashana bakwiye kuba bahagaragara

Ati" aha byumvikane neza, ntabwo umuvetarineri wese akwiye kujya kwegera inka y'Umuturage n'irindi tungo adafite ibyangombwa bimwemerera kujya kuyivura. Byagaragaye ko harimo abashobora kujya kuyivura yagira ikibazo n'ibigo by'ubwishingizi bikanga kwishyura!".

Akomeza ati" Umuveterineri uziko adafite uruhushya rwo kuvura amatungo ni ayavemo akore ibindi. Uzagaragarwaho y'uko yavuye itungo kandi atabifitiye ububasha rikagira ikibazo azaryishyura. Turashaka guca akajagari k'abantu bumva ko buri wese yajya kuvura itungo kandi nta burengenzira abifitiye".






# ABAGIZE URWEGO DASSO BIBUKIJWE KO “DISCIPLINE” ARIYO IGENGA BYOSE MU KAZI KABO



Mu nama ngarukagihembwe yahuje abagize urwego rwa DASSO kuwa 18 Nzeri 2025, abagize uru rwego bibukijwe ko discipline utayifite ntacyo wageraho mu buzima ubwo aribwo bwose, bityo ko basabwa gukora ibishoboka byose bakimakaza imyitwarire iboneye mu kazi.

Ibi biganiro byayobowe n' Umuyobozi w' Akarere Dr. NAHAYO Sylvere , byitabiriwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere ka Kamonyi ndetse n’abagize uru rwego rwa DASSO bagera kuri 70 muri 79 bakorera mu Karere ka Kamonyi.



Muri rusange hagarutswe ku kurebera hamwe uko umutekano muri rusange wifashe; kurwanya ibyaha no kubikumira; gahunda y’abinjira n'abasohoka aho bakorera; imikorere n'imikoranire n’imikorere y'Ikimina "DASSO Kamonyi"



Mu nama hatanzwe impanuro zifasha abagize urwego rwa DASSO, kurushaho gukumira ibyaha, gutanga inama zafasha mu rwego rw' umutekano n' imibereho y'abaturage, gukorana n'izindi nzego mu guhana amakuru, kugira imyitwarire ifasha kunoza akazi neza, harimo Ubunyangamugayo, Kwita ku kazi, Kwiyubaha, kwihangana, gukoresha ukuri, guha agaciro abo dukorana ndetse n'abaturage.



Umuyobozi w' Akarere ka Kamonyi, yasoje ashimira abitabiriye inama, umusanzu batanga mu rwego rw' umutekano n' ubwitange, abasaba gushyira mu bikorwa imyanzuro yafatiwe mu nama, abizeza ko ibibazo bagaragaje bizashakirwa umuti.

## HAKOZWE URUGENDOSHURI I NYAGATARE MU MUDUGUDU UTARANGWAMO ICYAHA




Tariki 18 Nzeri, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari ndetse n'Imidugudu bahagarariye abandi muri buri Murenge, bagiriye uruzinduko mu Karere ka Nyagatare.

Ni urugendo shuri rwakozwe mu Mudugudu wa Gakoma mu murenge wa Karangazi utarangwamo icyaha, aba bayobozi bakaba bafashe uru rugendo bayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee.

Iyi gahunda yari igamije kwigiranaho hagamijwe kuri uuwo Mudugudu wa Gakoma uburyo bakoresha mu gukumira ibyaha mu Mudugudu ahanini bigizweho uruhare n'abaturage kuva ku isibo ku bufatanye bwa buri munsi n'abayobozi babo.



## ABAGENZUZI BIGENGA (EXTERNAL AUDITORS) BAKOZE UBUGENZUZI KU MISHINGA YA "PRO-POOR BASKET FUND"



Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred, yakiriye itsinda ry'abagenzuzi [ Auditors ] bigenga baje gukora "Audit" ku mishinga yamaze guterwa inkunga yo muri gahunda ya "propoor basket fund" igamije gufasha imishinga y' Uturere dukennye.Ubu bugenzuzi bwamaze iminsi 2 buzibanda ku kureba uko amasoko yatanzwe muri iyi mishinga, hasuzumwe n'inyandiko zigaraza imikoreshereze y'amafaranga.

"Pro-Poor Baseket Fund" igamije gutera inkunga Uturere tw'Icyaro hibandwa mishanga y'ibikorwaremezo, guteza imbereho umulimo, kongerera utwo Turere ubushobozi bwo guhangana n'imindagurikire y'ikirere hamwe no kwita ku iterambere ry'abagore n'urubyiruko.



# UMUYOBOZI W'AKARERE YATANGIRIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA CYA 2026A MU GISHANGA CYA RUBOROGA

Ari kumwe n'izindi nzego zifite ubuhinzi mu nshingano, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yatangije ku mugaragaro igihembwe cy'ihinga cya mbere. Ni gahunda yabereye mu gishanga cya Ruboroga gikora ku mirenge ya Rugalika, Mugina na Nyamiyaga.



Kuri site y'igishanga cya Ruboroga mu Murenge wa Rugalika , niho habereye ku rwego rw'Akarere gutangiza igihembwe cy'ihinga igikorwa cyaranzwe no gutera imbuto y'ibigori kuri 130ha, gahunda ikaba yitabiriwe n'Umuyobozi wa RAB Wungirije Ushinzwe ubuhinzi Dr. Mme UWAMAHORO Florence hamwe n'Itsinda ryo ku rwego rw'Akarere ririmo n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere nabo baje kwifatanya n'abaturage gutera imbuto y'ibigori muri iki gishanga. Abahinzi basabwe kwihutisha ihinga kandi bagahinga ubutaka bwose ibihingwa byatoranyijwe, kwitabira gukoresha inyongeramusaruro zihagije no kugira  ubwishingizi bw'ibihingwa ndetse bagahinga ubutaka bwose bwagenewe guhingwa.







# ABANA BITOREYE KOMITE IBAHAGARARIYE KU RWEGO RW'AKARERE



Nyuma y'amatora yo ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge, abana kuri uyu wa mbere bitoreye komite ibahagarariye ku rwego rw'Akarere. Ni amatora akorwa hagamijwe guha ijambo umwana ndetse no kumutoza kugira uruhare mu bikorwa bya buri munsi bimukorerwa.

Kuri uyu wa mbere, taliki ya 01/09/2025 nibwo habaye amatora y'ihuriro ry'abana ku rwego rw'Akarere. Amatora yakurikiranywe n'Umuyobozi w'Akarere Wingirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee,



ayoborwa n'itsinda ry'abakozi ba Komisiyo y'amatora riyobowe na Mme HIGIRO Solange . Abana batowe bose ku Murenge ndetse n'abatowe muri Komite y'Akarere bashimiwe uburyo bafite imigabo n'imigabi myiza igaragaza ko bazagira uruhare mu gufatanya n'umuryango muri rusange mu kurengera abana.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, yabibukije kandi ko bagomba gukorana n'ubuyobozi ndetse n'inshuti z'umuryango mu kugaragaza ahariho hose hagaragara ikibazo cyo guhohotera umwana, abasaba kwitwara neza bakaba intangarugero mu rugo, ku ishuri ndetse n'aho bagenda hose.

# ABAGORE BITABIRIYE UMUGANDA WIHARIYE WIBANZE KU KWITA KU BATISHOBOYE

Kuwa gatandatu tariki 20 Nzeri mu Mirenge yose habaye umuganda wihariye w'abagore, umuganda ukaba wabereye ku rwego rw'Akagali witabirwa n'ibyiciro bitandukanye barimo abaturage mu byiciro bitandukanye; abahagarariye inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagure (CNF) ku Mudugudu, Akagali, Umurenge n'Akarere; Abayobozi ku nzego bwite za Leta n'abafatanyabikorwa.

Ku rwego rw'Akarere umuganda wabereye mu kagali ka Gihinga witabirwa n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere Madame MUSABYIMANA Marie Goretti, uhagarariye Amakoperative ku Ntara, Madamu UWIZEYIMANA Christine, umukozi w'Akarere ushinzwe Uburinganire n'iterambere ry'Umuryango Madame UMUHOZA Alexia.



Hari kandi Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge Madame UMUHOZA Pacifique bakiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Gihinga.

Hirya no hino hakozwe ibikorwa byo kubaka imirima y'igikoni no gutera ibiti by'imbuto; kubaka no gusana inzu ku batishoboye; gusana ubwiherero; kurwanya isuri hatunganywa umuhanda.

Nyuma y'ibikorwa by'amaboko habaye ibiganiro byibanze ku kurwanya amakimbirane; kurwanya imirire mibi no gukumira ko abana bata ishuri.





# HAKOZWE INAMA Y'INAMA NJYANAMAY'AKARERE N'INAMA Z'AMAKOMISIYO AGIZE INAMA NJYANAMA





Kuwa gatanu tariki 26 Nzeri, hifashishijwe uburyo bw'Ikoranabuhanga rya Webex, hakozwe Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ikaba yayobowe na Perezida w'Inama Njyanama bwana Nyoni Emilien Lambert.

Abagize inama Njyanama barebeye hamwe raporo z'amakomisiyo, raporo ya komite ngenzuzi, abajyanama bari bafite gahunda yo kwemeza urutonde rw'imyenda izakurwa mu bitabo by'ibaruramari.

Habayeho kandi kwemeza ibiciro by'ubukode ku rimwe mu mitungo y'Akarere, gahunda y'igenamigambi ry'amasoko 2025-2026 ivuguruye na gahunda yo kuva mu ishoramari rya RMK Resort Hotel.

Inama Njyanama bemeje ingurane y'amafaranga ku mitungo imwe n'imwe no kwemeza ibiciro by'ubukode kuri imwe mu mitungo y'Akarere.

Uretse Inama y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga, mu kwezi kwa Nzeri abajyanama mu makomisiyo atandukanye babarizwamo bakoze inama za buri kwezi nkuki itegeko rigenga inama njyanama y'Akarere ribiteganya. Ni uburyo abajyanama bahura bakaganira kuri gahunda z'akarere biganisha ku gukomeza guhagararira umuturage no kumukorera ubuvugizi mu buryo butandukanye.

# HAKOMEJE UBUGENZUZI MU MASHURI HAGAMIJWE GUKURIKIRANA IMICUNGIRE Y'IBIGO

Mu rwego rwo guhoza ijisho mu micungire y'ibigo by'amashuri ndetse n'imyigire y'abanyeshuri hagamijwe kuzamura ireme ry'uburezi, abagize komite nyobozi y'Akarere, abayobozi b'Imirenge n'abakozi bafite uburezi mu nshingano bamaze igihe barihaye intego yo gukora igenzura mu mashuri bagafata umwanya bagasura ikigo, bakaganira n'abana ndetse n'abarimu babo.

Kuwa kabiri tariki ya 23 Nzeri Itsinda riyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ryasuye GS Saint Dominique Gihara mu Murenge wa Runda. Hagenzuwe isuku mu kigo, ubwiherero, igikoni, Ububiko bw'ibiribwa. Abana ndetse n'abarezi babo baganiriye n'ubuyobozi.





Abarezi basabwe kwita ku nshingano zabo zo kwigisha, ku kwita ku nshingano, abana bibutswa ko bagomba kuuzinduka, gusubiramo amasomo, kugira ikinyabupfura n'indangagaciro nyarwanda no kwirinda ingeso mbi.

Abana bakanguriwe kuba mu ma Clubs atandukanye cyane cyane club y'ubumwe n'ubudaheranwa bityo basigasire ubumwe bwabo.
Iki gikorwa cyo gusura amashuri cyanakozwe mu Mirenge ya Runda aho GS Rukaragata yasuwe n'umukozi wa NESA, itsinda riyobowe n'umukozi mu ishami ry'uburezi risura amwe mu mashuri y'umurenge wa Rugalika .

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kayenzi ari kumwe n'ushinzwe uburezi nabo basuye GS BUBAZI.





## HASABWE UBUFATANYE MU KURWANYA IMIRIRE MIBI MU BANA



Mu nama y'igihembwe cya mbere ya komite y'Akarere ishinzwe kurwanya imirire mibi mu Karere, Umuyobozi w'Ishami ry'ubuzima bwana Ntabana Gaston yasabye inzego zose bireba ubufatanye mu muhangana n'ikibazo cy'abana bafite imirire mibi, bityo igakumirwa haba mu bana ndetse yewe no mu babyeyi babo.

Iyi nama y'igihembwe cya mbere, yitabiriwe kandi n'umukozi w"ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuzima mu Rwanda- RBC bwana NIYIBIZI Emmanuel yari yaguriwemo kandi abakozi bashinzwe isuku n'Isukura mu Mirenge, abakozi bashinzwe imirire n' abashinzwe ibikorwa by'abajyanama b' ubuzima mu Bigo Nderabuzima.

Haganiriwe ku myiteguro yo gutangira gushyira mu buvuzi rusange serivisi zatangwaga mu cyumweru cyahariwe ubuzima bw' umubyeyi n'umwana( MCH Week), abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku ngamba zihamye zo gukora neza ibikorwa bikorwa mu cyumweru cyahariwe ubuzima bw' umubyeyi n'umwana.

Nyuma y'iyi nama abitabiriye bemeranyijwe ko Ibigo Nderabuzima byakorana n'Abajyanama b'ubuzima mu gihe cya vuba hagamijwe kubasobanurira ibikorwa bigiye gukorwa, kubahugura ku mikoreshereze ya "Toise" no kubaha imiti bazakoresha mu gihe cy'icyumweru cyahariwe ubuzima bw'umubyeyi n'umwana.

Hemejwe kandi ko kuwa 24 Nzeri 2025 nyuma ya saa sita ibinini bivura inzoka zo mu nda bizatangira gutangwa ku bantu bakuru mu masibo abajyanama b'ubuzima bakoreramo no mu Bigo by' amashuri kandi mu Bigo by' amashuri buri mwarimu azajya aha ibinini abana yigisha atange raporo yabo yahaye. Hatangajwe ko Ibikorwa byo gupima abana imikurire, ikubaha ikinini cya Vitamini A n'ibinini bivura inzoka zo mu nda bizatangira kuwa kane tariki 25/09/2025, abana bari muri ECDs no mu Bigo by' amashuri niho bazajya bababahera serivisi zose zibagomba.

Hemejwe ko serivisi zo kuboneza urubyaro no gushaka abana bacikanwe n'inkingo kugira ngo bakingirwe zigomba gukomeza kwitabwaho cyane. Hemejwe ko ibikorwa by'isuku bizajya binozwa bigizwemo uruhare na Komite z' isuku ku Midugudu zifatanyije naba mutwarasibo n'Abajyanama b'ubuzima ( Buri muntu azajya akorera mu isibo ye ,mu ngo areberera)



## ABAYOBOZI B'AMASHURI BIBUKIJWE KO IREME RY'UBUREZI RIRI MU BIGANZA BYABO.



Kuri uyu wa gatatu tariki 03 Nzeri 2025 mu cyumba cy'inama i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge hateraniye inama y'uburezi yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere. Ni inama yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umuyobozi wa Polisi mu Karere ka Kamonyi SSP FURAHA Fulgence, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge. Hari kandi Abayobozi b'Ibigo by'Amashuri, ba Nyir'Ibigo, ababyeyi n'abarimu bahagarariye abandi mu Mirenge. Abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku kuzamura igipimo cy'imyigire n'imyigishirize, imyiteguro y'itangira ry'amashuri n'ishyirwa mu bikorwa ry'amavugurura mu burezi, haganiriwe no ku mihigo y'Akarere iri muri serivisi z'uburezi.

Muri iyi nama habayeho kugaragaza ishusho y'uburezi mu Karere, hashingiwe ku byavuye mu bizamini bya Leta bisoza amashuri abanza, ay'icyiciro rusange n'amashuri yisumbuye. Abayobozi b'amashuri bibukijwe ko ireme ry'uburezi riri mu biganza byabo bityo basabwa kuba hafi abanyeshuri bagakurikira imyigire n'imyigishirize bityo hakabaho gukurikirana ku buryo buhoraho.



Ku birebana n'amavugurura ategerejwe mu burezi bw'amashuri abanza n'ayisumbuye, muri iyi nama herekanwe uko amasomo azajya atangwa mu byiciro byose. Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) rwongeye gukora impinduka ku gihe amasomo azajya atangirira mu mashuri abanza n'ayisumbuye, aho ubu abanyeshuri bazajya batangira kwiga saa mbili za mu gitondo aho kuba saa tatu nk'uko byari bisanzwe.

Umuyobozi Ushinzwe Ishami ry'uburezi mu Karere bwana Kayijuka Diogene yagize ati "kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu wa gatatu w'icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza habayemo amavugurura akomeye kuko abarimu baratubwiraga ngo integanyanyigisho umwana ntiyazayirangiza. Amashuri menshi dufite yiga mu byo twita ingunga ebyiri kandi ntibabasha kwiga amasaha yose asabwa mu cyumweru".

Akomeza agira ati " REB basanze kugira ngo babone amasaha bakeneye ku munsi abana biga muri icyo cyiciro bagomba gutangira saa mbili za mu gitondo bakageza saa tanu na 40' noneho nyuma ya saa sita batangire saa saba n'iminota icumi bageze saa kumi na 50'."

Mu mwaka w'amashuri uzatangira mu kwa cyenda, kandi uzatangirana n'impinduka zirimo ihuzwa ry'amashami yigishwaga mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye ( combination), ubu yahurijwe mu mbumbe eshatu ( learning pathways).

# VISI MEYA NIYONGIRA UZZIEL YAKURIKIRANYE UKO UBWITABIRE BW'IGIHEMBWE CY'IHINGA

Visi Meya Ushinzwe iterambere ry'ubukungu bwana Niyongira Uzziel yakurikiranyev uko igihembwe cy'ihinga kiri kwitabirwa kuri site zitandukanye mu Mirenge, abihuza no kugenzura niba haba hari ubutaka budahinze kugira ngo nabwo buhingwe bityo umusaruro twiteze mu gihembwe cya mbere cy'ihinga uziyongere.

Kuwa 22 Nzeri, Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzweubukungu bwana n'tsinda ayoboye, bakurikiranye ishyirwamubikorwa ry'igihembwe cy'ihinga cya 2026A ndetse n'uburyo site za FOBASI harimo gusurwa Imirenge ya Rukoma na Ngamba hasuwe FOBASI ya Karama/EPR, FOBASI (Food Basket Sites). Iyi gahunda ya FOBASI igamije kunoza imicungire y'ahantu hakoreshwa ubutaka hagamijwe kuzamura umusaruro w'ubuhinzi, gusagurira amasoko, no kuzamura abahinzi.

Abagize itsinda basuye site ya Kamuzi mu Kagari ka Murehe, Abahinzi bateguye ubutaka bari gutera imyaka. Aganira n'abaturage yasabye abaturage batarahinga guhinga vuba iki cyumweru kigasoza baramaze gutera bose bitarenze iminsi 3,



uhereye kuwa 22/09/2025 kuko uko bigaragazwa n'amakuru atangwa na Meteo Rwanda imvura izacika kare bityo abahinzi bakwiriye kwitabira ihinga hakiri kare. Gahunda ya FOBASI igamije kunoza imicungire y'ahantu hakoreshwa ubutaka hagamijwe kuzamura umusaruro w'ubuhinzi, gusagurira amasoko, no kuzamura abahinzi.

Abagize itsinda basuye site ya Kamuzi mu Kagari ka Murehe, Abahinzi bateguye ubutaka bari gutera imyaka. Aganira n'abaturage yasabye abaturage batarahinga guhinga vuba iki cyumweru kigasoza baramaze gutera bose bitarenze iminsi itatu uhereye uyu munsi kuwa 22/09/2025 kuko uko bigaragazwa n'amakuru atangwa na Meteo Rwanda imvura izacika kare bityo abahinzi bakwiriye kwitabira ihinga hakiri kare.





# IINZEGO ZOSE ZASABWE UBUFATANYE MU KONGERA INGANO Y'IBITI N'AMASHYAMBA BITERWA

Mu nama yabereye ku biro by'Akarere kuri uyu wa kane tariki 04 Nzeri, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel, yasabye ubufatanye bw'inzego zose mu gutera amashyamba n'ibiti hirya no hino mu Karere, kugira ibiti biterwa byiyongera kuko bikenerwa mu buryo butandukanye. Uyu muyobozi yanavuze kandi ko hakwiye ingamba zihoraho zo kwita ku biti byatewe bikabungabungwa ndetse ibitewe bigapfa hakabaho uburyo bunoze bwo kubisimbuza. Iyi nama yateguwe ku bufatanye n'umuryango wa ONE ACRE FUND (TUBURA) ikaba yakozwe mu rwego rwo gutegura igihwmbwe cy'iterwa ry'ibiti by'amashyamba, ibivangwa n'imyaka n'imbuto ziribwa .

Nkuko byatangajwe, uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026 mu Karere Kamonyi ku bufatanye na TUBURA hazaterwa ibiti 1,147,045 bivangwa n'imyaka n'ibiti gakondo hazaterwa kandi ibiti 5,050 by'imbuto ziribwa muri gahunda yo kongera umusaruro w'imbuto no kwihaza mubiribwa.





Barebeye hamwe kandi ingamba zizafasha mu kwesa imihigo y'ubuhinzi n'ubworozi na gahunda zigamije kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi.

Abitabiriye banasuzumiye hamwe ibirebana no gufata ubwishingizi bw'imyaka n'amatungo biyemeze gukomeza ubukangurambaga kugira ingo imyaka n'amatungo byishingirwa, bene ayo matungo n'imyaka bagire umuhate wo kugana ubwishingizi bwazabagoboka igihe habaye ikibazo.



# MUFTI W'U RWANDA YASUYE ABAYISIRAMU BO MU KARERE KA KAMONYI

Kuwa 07 Nzeri 2025, Mufti w'u Rwanda shehe SINDAYIGAYA Moussa, yagiriye uruzinduko mu Karere ka Kamonyi asura abayoboke b'idini ya Islam bo mu Karere ka Kamonyi.



Ni igikorwa cyabereye mu Kagari ka Gihira Umurenge wa Gacurabwenge muri uru ruzinduko banakiriyemo Umuyobozi w 'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, Umuyobozi wa Polisi mu Karere SSP Fulgence Furaha, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gacurabwenge Mme Umugiraneza Marthe, Imamu w'Intara Shehe NTAWUKURIRYAYO Ismael.



Umuyobozi w'Akarere yabashimiye uruhare bagira mu iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza aho batuye, abasaba gukomeza kwimakaza umuco w'isuku.

Mufuti w'u Rwanda yasabye Abasiramu gukomeza gukunda igihugu kandi ashima ko dufite Igihugu cyiza, kuko umuyisilamu mwiza agomba kurangwa n'imigirire myiza, kubana neza n'abandi kandi agashyira imbere imibanire myiza.



# ABATURAGE BASABWE GUKUNDA SIPORO KUKO ARI UMUYOBORO W'UBUSABANE

Ku cyumweru tariki 14 Nzeri 2025, ku biro by'Akarere ka Kamonyi habereye siporo rusange yo ku rwego rw'Akarere yitabiriwe n'abatuye mu Murenge wa Gacurabwenge. Ni gahunda ngaruka kwezi igamije kwibutsa abaturage akamaro ko gukunda siporo ndetse bakayigira umuco. Ni siporo yabimburiwe no kwiruka byoroheje (mchaka mchaka) aho abaturage bari kumwe n'abanyeshuri bo mu ishuri ryisumbuye ryitiriwe mutagatifu Bernadette bafatanyije mu kwiruka kuva ku masuka ku Kamonyi kugera ku Karere.
Nyuma abitabiriye bahurira ku biro by'Akarere mu myitozo ngororamubiri mu rwego rwo guharanira ubuzima buzira umuze. Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel hamwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee bitabiriye iyi gahunda, hari kandi n'umuyobozi w'Umurenge wa Gacurabwenge n'umuyobozi w'Umuryango SEVOTA Mme Mukasarasi Godelive.









Mu butumwa bwe Umuyobozi w'Akarere yagize ati:" turasaba abaturage gukunda siporo kuko siporo ifasha cyane mu gusigasira ubuzima buzira umuze. Siporo kandi uretse kuba ifasha mu gusigasira ubuzima, inagira uruhare mu gufasha mu busabane bw'abaturage. Abitabiriye siporo babyifuza kandi bujuje imyaka isabwa; bapimwe indwara zitandura ngo bamenye uko bahagaze, bibukijwe kandi ko siporo ari nziza ku buzima bityo ko buri wese ahamagarirwa kuyitabira.



## ABASOJE IBIHANO KU CYAHA CYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BASABWE KUGIRA IMYITWARIRE IBONEYE MU MURYANGO

Ku bufatanye n'Umuryango Mizero Care Organization, kuwa gatatu tariki 10 Nzeri mu Mirenge hakozwe ibiganiro byatumiwemo abasoje ibihano ku cyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Hari hagamijwe kumenya uko bisanga mu buzima busanzwe, imibanire mu miryango; no kumenya niba barahindutse by'ukuri.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yibukije abasoje ibihano ku cyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ko Ubumwe bwacu ari zo mbaraga zacu. Abasabye gusenyera umugozi no kwimakaza imibanire myiza, kuko niwo musingi w'iterambere n'imibereho myiza

Nkuko nari mbikomojeho ni ibiganiro byabereye kuri site 6, aho Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yitabiriye kuri site ya Gacurabwenge ibi biganiro ku bumwe n'ubudaheranwa byateguwe ku bufatanye n'umuryango Mizero Care Organisation.

Ni ibiganiro byatanzwe mu Karere hose kuri site 6 zahurijweho abasoje ibihano ku cyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; aba bavuye mu Igororero bari batumiwe bari kumwe n'abagore babo. Byitabiriwe kandi na komite ya Ibuka na Avega mu Mirenge na Perezida w'Abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubudaheranwa kuri buri Murenge.

Hatanzwe ibiganiro 3: amategeko ahana icyaha cya Jenoside n'ingengabitekerezo ya Jenoside; ikiganiro cyo gusubiza mu buzima busanzwe abasoje ibihano ku cyaha cya Jenoside mu myaka itanu ishize; (2018-2025) n'ikiganiro kijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe.







# INTEKO Z'ABATURAGE ZIKOMEJE KUBA UMUYOBORO W'UBUSABANE HAGATI Y'UBUYOBOZI N'ABATURAGE

Nkuko bisanzwe buri wa kabiri w'icyumweru, ku gicamunsi cyo kuwa 09 Nzeri 2025 mu Tugari twose inteko z'abaturage zateranye. Muri ibi biganiro bihuza abaturage n'ubuyobozi muri rusange ku kwicungira umutekano, kwirinda ubusinzi n'ibiyobyabwenge, gukumira no kwirinda amakimbirane mu miryango, gukumira ubuzererezi mu bana, kwirinda impanuka zo mu muhanda.

By'umwihariko mu Kagari ka Gihinga Umurenge wa Gacurabwenge, hanaganiriwe ku mikorere y'urwego rw'abunzi iki kiganiro kikaba cyatanzwe n'abagize komite mpuzabikorwa y'Ubutabera ku rwego rw'Akarere yari iyobowe n'Umushinjacyaha mu rukiko rw'Ibanze rwa Gacurabwenge. Mu nteko zose kandi hanabayeho kwakira no gukemura ibibazo abaturage bashyikirije ubuyobozi.





Mu butumwa bwe, Umuyobozi w'Akarere yabwiye abitabiriye inteko mu Kagari ka Gihinga ko inteko z'abaturage ari urubuga ruhuza ubuyobozi n'abaturage kandi ni uburyo bwatekerejweho mu rwego rwo gufasha umuturage kurushaho gukorana n'ubuyobozi mu ngeri zitandukanye.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere SSP Fulgence Furaha bitabiriye inteko mu Kagari ka Gihinga Umurenge wa Gacurabwenge. Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe VM Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee yitabiriye inteko mu Kagari ka Karengera Umurenge wa Musambira naho Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel yari mu Kagari ka Mbati Umurenge wa Mugina



# MEYA NAHAYO YATANGIRIJE UMWAKA W'AMASHURI MU MURENGE WA GACURABWENGE

Ku wa mbere tariki 08 Nzeri 2025, nibwo mu gihugu hose hatangiye umwaka w'amashuri wa 2025/2026. Ku rwego rw'Akarere umwaka w'amashuri watangirijwe mu Murenge wa Gacurabwenge ku Kigo cy'Amashuri Abanza cya Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge. Nyuma yo gutangiriza umwaka muri EP Gihinga, umuyobozi w'Akarere yakomereje no mu bindi bigo areba uko itangira ry'amashuri rihagaze, iki gikorwa kikaba cyaranabaye hirya no hino mu Mirenge ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Imirenge.

.

Muri rusange abagize komite nyobozi bari kumwe n'abakozi b'Imirenge barebwe ubwitabire bw'abana ku mashuri, kubahiriza isaha nshya y'itangira ry'amasomo n'iyubahirizwa ry'impinduka nshya mu burezi . Harebwe kandi isuku mu mashuri, mu bwiherero no mu bikoni, uko hasanwe inyubako zangiritse, Imicungire ya Stock ndetse n'inkwi, habayeho no kuganira n'abanyeshuri bibutswa ko kwiga arizo nshingano zabo.



Twibutse ko Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yakurikiranye itangira ry'amashuri mu Murenge wa Gacurabwenge naho Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yakurikiranye itangira muri bimwe mu bigo by'amashuri mu Murenge wa Rugalika.





**Faustin NTAKIRUTIMANA**

**"PR, Media & Communications"**

## UBUMWE BWACU NIZO MBARAGA ZACU